REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA

## ICYEMEZO GIHAMAGAZA UWATOROTSE UBUTABERA

Umunsi wa 16 w'Ukwezi kwa Nzeri, Umwaka wa 2021,

Twebwe Mbarushimana M.Laetitia, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na Nteziryayo Eugène, Umwanditsi muri urwo rukiko,

Tumaze kubona urubanza RP 00173/2020/TGI/NGOMA ruregwamo Habimana Emmanuel, mwene - na Nyiramashashi Béatrice, wavutse mu -, ID -, tel - yari asanzwe abarizwa mu Ntara y'I Burasirazuba, mu Karere ka Kirehe, mu Murenge wa Mushikiri, mu Kagari ka Rwayikona, mu Mudugudu w'Isangano, akaba aregwa n'Ubushinjacyaha icyaha cyo gusambanya undi ku gahato, giteganywa kandi kigahanwa n'ingingo ya 134 y'Itegeko n°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu,

Tumaze kubona yararegewe urukiko yaramaze gutoroka ubutabera nk'uko Ubushinjacyaha bubigaragaza,

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha,

Twemeje ko Habimana Emmanuel, yitaba Urukiko rwisumbuye rwa Ngoma mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye uyu munsi iki cyemezo gifatiweho, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko akazaburanishwa adahari tariki ya 18/10/2021 saa mbiri (08h00).

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kandi kigatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo www.judiciary.gov.rw.

sé
Mbarushimana M.Laetitia

sé
Nteziryayo Eugène